Professional Bailiffs Association
Corps des Huissiers de Justice Professionnels
Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga

Kigali, ku wa 07/01/2020
Ref No: 003 PBA 2020

✓Bwana/Madamu Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga (bose)

Impamvu: Kubahiriza ibiciro fatizo by'imirimo y'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga byashyizweho n'Iteka rya Minisitiri Nº 023/MoJ/AG/2017 ryo ku wa 23/10/2017

Madamu/Bwana,

Nshingiye ku myanzuro y'Inama Nyobozi y'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga yo ku wa 18/12/2019 yemeje ko Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bose bandikirwa bibutswa ko kwica ibiciro byashyizweho n'Iteka ryavuzwe haruguru, mu buryo ubwo ari bwo bwose, mu masezerano bakorana na Banki, Ibigo by'Ubucuruzi, Iby'ubwishingizi cyangwa abantu ku giti cyabo kuri serivisi zirebana n'ubuhesha bw'inkiko, bigomba kwirindwa ;

Maze kubona ko kwica ibyo biciro bidindiza imikorere y'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bagerageza kwihagararaho bakanga guhendwa, kuko bimwa akazi kagahabwa abo bemera kujya hasi y'ibiteganyijwe;

Nejejwe no kukwandikira ngusaba kubahiriza ibiciro fatizo biteganyijwe mu Iteka ryavuzwe haruguru, no kujya umenyesha ubuyobozi bw'Urugaga buri gihe uhuye n'ikibazo kibangamira uburenganzira bwawe ku byo wemererwa n'iryo Teka, kugira ngo dukore ubuvugizi aho bishoboka hose.

Ngushimiye uko ubyakira.

**Me SEBERA NYUNGA Antoine**
Perezida w'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga

CORPS DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS * KIGALI - RWANDA *

Bimenyeshejwe:
- Bwana Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
- Bwana Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda
- Bwana Komiseri Mukuru wa Rwanda Revenue Authority
- Madamu/Bwana Umuyobozi w'Ihuriro ry'Amabanki (Rwanda Bankers Association-RBA)
- Madamu/Bwana Umuyobozi w'Ihuriro ry'Amasosiyete y'Ubwishingizi (Association des Assureurs au Rwanda - ASSAR)